# ITANGAZO RY'AMARUSHANWA Y'IMBYINO GAKONDO MU MASHURI MAKURU NA KAMINUZA MU RWEGO RWO KWIZIHIZA UMUGANURA 2023

Mu bikorwa biteganyijwe mu kwizihiza Umuganura uzaba ku wa 04 Kanama 2023, Inteko y'Umuco yateguye amarushanwa y'imbyino gakondo azitabirwa n'amatorero yo muri kaminuza n'amashuri makuru abarizwa mu Rwanda.

Uyu ukaba kandi ari umusanzu ukomeye mu bukangurambaga mu rwego rwo gusigasira Umurage n'Umuco bikubiye mu mbyino gakondo Inteko y'Umuco, ifatanyije n'izindi nzego, yatangiye cyane cyane ko imwe mu nshingano zayo ari *kugira uruhare mu iterambere ry'ubuhanzi, ubuvanganzo n'ubugeni bishingiye ku muco*.

## 1. Intego

Aya marushanwa agamije gukangurira Abanyarwanda muri rusange, urubyiruko rwo mu mashuri makuru na Kaminuza by'umwihariko ibyiza by'umuco nyarwanda bazirikana ku ndangagaciro zikubiye mu muganura. Agamije guha urubuga urubyiruko rwo muri Kaminuza n'amashuri makuru ngo rugaragaze ubukungu bukubiye mu mbyino nyarwanda. Aya marushanwa agamije kandi kwerekana impano nshya zakwifashishwa mu matorero yabigize umwuga.

## 2. Umusaruro witezwe

- Gukangurira abantu ibyiza by'umuco nyarwanda n' indangagaciro zikubiye mu muganura;
- Kugaragaza no guteza imbere impano nshya mu rubyiruko rwiga;
- Gushishikariza urubyiruko rwiga kubungabunga umwimere w' imbyino gakondo mu matorero yabo.

## 3. Abarebwa n'amarushanwa

Aya marushanwa azitabirwa n'abanyeshuri biga mu mashuri makuru na kaminuza (yaba ari aya Leta cyangwa ayigenga), bazarushanwa mu mbyino gakondo hitabwa ku nsanganyamatsiko igira iti: *"Umuganura, isoko y'Ubumwe n'Ishingiro ryo Kwigira"*.

### 3.1. Aho amarushanwa azabera

Aho amarushanwa azabera hazemezwa mu nama itegura aya marushanwa izabera i Kigali ku wa 30 Kamena 2023 ahakorera serivisi z'Inteko y'Umuco z'Inkoranyabitabo n'Ishyinguranyandiko.

### 3.2. Itariki y'amarushanwa

- 30 Kamena 2023: Inama ya tekiniki yiga aho amarushanwa azabera, uko azakorwa *(imiterere n'amategeko y'amarushanwa)*.
- Ku 22 kugera ku ya 23 Nyakanga 2023: Amarushanwa nyirizina.

## 4. Ibizagenderwaho:

- ✓ Umukino w'imbyino gakondo ku muganura;
- ✓ Umukino ugaragaramo imivugano (imivugano) yunganirwa n'imbyino gakondo zifitanye isano n'ibikinwa, ndetse n'izindi ngeri z'ubuvanganzo nyemvugo (nk'ibyivugo, amazina y'inka…);
- ✓ Kubahiriza insanganyamatsiko;
- ✓ Imiserukire ku rubuga;
- ✓ Imyambarire y'ababyina (abaseruka);
- ✓ Ubuhanga bw'ababyina (abaseruka);
- ✓ Umukino w'imbyino gakondo uri hagati y'iminota 20- 30.

## 5. Ibihembo

Amatorero 10 azarusha ayandi Inteko y'Umuco izayagenera ibihembo ku buryo bukurikira:

- ***Itorero rya mbere:***

Amafaranga y'u Rwanda miliyoni imwe (1,000,000 Frw) anyuzwa kuri konti ya Kaminuza/ishuri rikuru itorero ribarizwamo. Itorero rizahiga ayandi rizahabwa n'igikombe;

- ***Itorero rya kabiri:***

Amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana arindwi (7,00,000 Frw) anyuzwa kuri konti ya Kaminuza/ishuri rikuru itorero ribarizwamo;

- ***Itorero rya gatatu:***

Amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (500,000 Frw) anyuzwa kuri konti ya Kaminuza/ishuri rikuru itorero ribarizwamo;

- ***Andi matorero arindwi (7) akurikiyeho:***

Amafaranga y'u Rwanda ibihumbi ijana (100,000 Frw) buri torero;

-Buri torero rizitabira amarushanwa rizahabwa kandi icyemezo cy'ishimwe (Certificate).

**Icyitonderwa:** Buri Kaminuza, ishuri rikuru rizishyurira itorero ryohereje ibizakenerwa bijyanye n'urugendo, ibyo kurya, icumbi, ibikoresho n'imyambaro.

## A) INGENGABIHE Y'IBIKORWA

| | IGIKORWA | IGIHE KIZABERA | UZAGIKORA |
|---|---|---|---|
| 01 | Gutanga itangazo | 15 Kamena 2023 | -Inteko y'Umuco<br>-Minisiteri y'Uburezi |
| 02 | Kwemeza ubwitabire | 26 Kamena 2023 | Kaminuza n'amashuri makuru |
| 04 | Inama itegura amarushanwa | 30 Kamena 2023 | -Inteko y'Umuco<br>-Urugaga rw'amatorero y'imbyino gakondo<br>-Abahagarariye amashuri makuru na Kaminuza |
| 06 | Amarushanwa nyirizina | 22-23 Nyakanga 2023 | -Inteko y'Umuco<br>-Urugaga rw'amatorero y'imbyino gakondo<br>-Amatorero ya Kaminuza n'amashuri makuru |

Abakenera ibindi bisobanuro, babibaza banyuze kuri: info@rwandaheritage.gov.rw na ymurego@rwandaheritage.gov.rw cyangwa kuri terefoni: 0788460961.

**Amb. MASOZERA Robert**
**Intebe y'Inteko, Inteko y'Umuco**